No 209 Ukuboza2017-Mutarama2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## INAMA RUSANGE YASOBANURIWE POLITIKI YA LETA IGAMIJE GUTEZA IMBERE MADE IN RWANDA



Abari mu biganiro

*Kuwa kane, tariki ya 28 Ukuboza 2017, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Bwana NIZEYIMANA Pie.*

Ku murongo w'ibyizwe hari ingingo yo gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo ku wa 28/09/2017; n'iy'Ikiganiro ku « Ingamba z'Igihugu zo kugabanya icyuho hagati y'ibyinjira n'ibisohoka mu Gihugu no guteza imbere ibikorerwa mu Gihugu ».” cyatanzwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda.

Abagize iyi nama bemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo ku wa 28/09/2017 bamaze kuyikorera ubugororangingo.

Ku ngingo ya kabiri (2) y'ikiganiro ku « Ingamba z'Igihugu zo kugabanya icyuho hagati y'ibyinjira n'ibisohoka mu Gihugu no guteza imbere ibikorerwa mu Gihugu" cyatanzwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda Bwana MUNYESHYAKA Vincent; cyibanze kuri politiki ya Leta yashyizweho igamije guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda policy), kugabanya ikinyuranyo cy'ibyinjira n'ibisohoka n'impinduka ziri kuboneka mu bukungu bw'Igihugu.



Bwana MUNYESHYAKA Vincent, Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

Minisitiri yagaragaje ko iyi politiki igamije kongera umusaruro n'umubare w'ibikorerwa mu Rwanda, kongera ubwiza n'ubuziranenge bwabyo kugira ngo bihangane n'ibindi bicuruzwa ku isoko mpuzamahanga kandi bifashe no kugabanya icyuho cy'ibyinjira n'ibisohoka mu Gihugu.

Minisitiri yagaragaje kandi n'ingamba zafashwe mu rwego rwo guhangana n'ibibazo byabangamira iyi politiki zirimo gushishikariza Abanyarwanda gukomeza kwitabira gukoresha ibikorerwa mu Rwanda, kongera ubwiza n'ingano by'umusaruro, kugabanya igiciro cy'ikiguzi cy'ibikoresho by'ibanze, gufasha abashoramari kumenya aho bakura ibikoresho by'ibanze mu Gihugu no gushyiraho itegeko rigenga ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera.

Nyuma yo kugezwaho ikiganiro, Inama Rusange yashimye politiki n'ingamba zashyizweho mu rwego rwo kugabanya icyuho kiri hagati y' ibyinjira n'ibisohoka mu Gihugu no guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda.

Inama Rusange yasanze hakwiye gukorwa igenamigambi riboneye ku hantu hagenewe gushyirwa inganda (industrial parks) bitewe n'imiterere y'ibyo uruganda ruzakora. Ikindi, Inama Rusange yasabye inzego zose bireba gukomeza kwita cyane ku mpano z'urubyiruko mu rwego rwo kwihangira imirimo no kugira uruhare rufatika muri iyi politiki.

Inama Rusange yasoje yiyemeje gukomeza gushishikariza abayoboke b'Imitwe ya politiki igize Ihuriro n'Abanyarwanda muri rusange guteza imbere no gukoresha ibikorerwa mu Gihugu.

## IHURIRO RYATANGIJE ICYICIRO CYA 15 CY' AMAHUGURWA AGENEWE URUBYIRUKO RUTURUKA MU MITWE YA POLITIKI - YPLA

Umunyamabanga Nshingwa bikorwa w'Ihuriro watangije aya mahugurwa, yabwiye uru rubyiruko ko amasomo bazahabwa agamije kubo ngerera ubushobozi mu bumenyi rusange, politiki n' imiyoborere myiza, no kuba umusemburo mu kwitabira ibikorwa byose bitegurwa n'Imitwe ya politiki baturukamo.



Umunyamabanga Nshingwa-bikorwa w'Ihuriro afungura aya mahugurwa ku mugaragaro

Basabwe kugira uruhare muri gahunda zose z'Umutwe wa politiki haba mu mahugurwa ategurwa n'Umutwe wa politiki wabo, haba kandi no kugira uruhare mu miyoborere yayo.

Yagize ati "Imitwe ya politiki yabatoranije kuko yabonaga muzayigirira umumaro ndetse no ku Gihugu; indoto mufite zo kwitabira umwuga wa politiki ni nziza ariko musabwa gukorana umurava mu byo mukora byose kandi mugakunda Iguhugu cyacu."

Yasoje abashimira uko bitabiriye aya mahugurwa, anashima kandi Imitwe ya politiki yabatoranije, abizeza ko Ihuriro rizakomeza gukora ibishoboka ngo aya mahugurwa agende neza kandi agirire akamaro abayakurikiye.

Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro Bwana JIJUKA Zephyrin, unakurikiranira hafi gahunda z'amahugurwa atangwa n'Ihuriro, yagaragarije uru rubyiruko ibyo basabwa kugira ngo bakurikire neza aya masomo, ibisabwa Ihuriro n'ikigamijwe muri rusange. Aha yabamenyesheje gahunda igenderwaho mu itangwa ry'aya mahugurwa, imyitwaririre y'uyakurikira, ingeri z'amasomo baziga n'ibikoresho ruzahabwa kugira ngo bazakurikire neza aya masomo.



Abitabiriye aya mahugurwa bakurikiye isomo ryatangwaga na Dr. Isaie NZEYIMANA

YPLA yatangiye muri Gashyantare 2010, aho abasore n' Inkumi bo mu Mitwe ya politiki basaga 1000 bamaze guhugurwa muri iyi gahunda.

## ABAYOBOZI BAKURU MU MITWE YA POLITIKI BAGANIRIYE KU BURYO BWO GUKUMIRA, GUSESENGURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE YA POLITIKI



*Abagize Inama Rusange y'Ihuriro*

Kuwa gatanu tariki ya 26 Mutarama 2018, kuri Hotel Lemigo, mu Mujyi wa Kigali, habereye inama yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ku buryo bwo gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki. Iyi nama yahuje abayobozi bakuru mu Mitwe ya Politiki igize Ihuriro n'abagize za komisiyo zose z'Ihuriro mu rwego rwo kuganira ku buryo bwiza bwo gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki, hagamijwe gukomeza guteza imbere ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Iyi nama yateguwe n'Ihuriro hashingiwe kuri Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 no kuri Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo Monezabupfura no gukemura amakimbirane muri uwo mwaka hagamijwe gusesengurira hamwe ibitera amakimbiranye ya politiki, cyane cyane ibiyatera mu Mitwe ya Politiki; kwibukiranya ibyagiye bitera amakimbirane ya Politiki mu Rwanda; kuganira ku ngamba zashyizweho nyuma ya 1994 mu rwego rwo gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki; kwibukiranya indangagaciro zikwiye gukomeza kubakirwaho mu rwego rwo guteza imbere ubwumvikane no gusigasira ubumwe bw'Igihugu; kwibukiranya inshingano n'uruhare rwa za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya politiki no kunoza imikoranire yazo n'izindi nzego mu Mutwe wa Politiki; Kurebera hamwe uburyo ibyasabwe na za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki mu mahugurwa anyuranye byashyirwa mu bikorwa.

Afungura iyi nama ku mugaragaro, Umuvugizi w'Ihuriro yavuze ko iyi nama nyunguranabitekerezo yabahurije hamwe igamije kujya inama, no gutuma abayitabiriye bafata ingamba z'uburyo bakumira, basesengura, bakanakemura amakimbirane ya politiki bahura nayo cyangwa bashobora kuzahura nayo mu mwuga wabo wa politiki. Yibukije ko Ihuriro nk'urubuga ruhoraho rwo kunguraniramo ibitekerezo bya politiki hagamijwe kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu, hagiye hategurwa amahugurwa n'inama nyunguranbitekerezo binyuranye byafatiwemo n'umwanzuro wo gukomeza kongerera ubushobozi Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya politiki, ndetse ko Ihuriro rikwiye gutegurira abayobozi bakuru mu Mitwe ya politiki inama nyunguranabitekerezo ku buryo bwo gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki. Asoza asaba abanyapolitiki b'u Rwanda ko bakwiye gukomeza kurangwa n'indangagaciro zo kujya inama kenshi, kurangwa n'ubwubahane hagamijwe ubumwe bw'Igihugu n'ineza y'Abanyarwanda bose nta guheza.

Dr Ismael Buchanan A. Impuguke muri politiki akaba n'umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda watanze Ikiganiro cya 1 ku impamvu zitera amakimbirane ya politiki, yagarutse ku cyo ari cyo amakimbirane ya Politiki, uko amakimbirane ya politiki yigaragaza; impamvu zitera amakimbirane ya politiki, abayagiramo uruhare (Actors) n'ibyagiye bitera amakimbirane ya Politiki mu Rwanda n'ingaruka zayo.

Agaruka ku nyito z'Amakimbirane yavuze ko ari ubushyamirane, kutumvikana cg kutavuga rumwe hagati y'abantu 2 cyangwa benshi, amatsinda 2 cyangwa menshi, uturere cyangwa ibihugu biturutse ku kudahuza ibitekerezo cyangwa inyungu; avuga kandi ko amakimbirane atari mabi buri gihe nk'uko benshi bakunze kubitekereza. Yavuze ko amakimbirane ashingira ku myumvire itandukanye, ku myitwarire itandukanye, ku nyungu zitandukanye (idini, amashyaka…), kubura ibyangombwa by'ibanze n'ibindi.



*Dr Ismael Buchanan A*

Iyi mpuguke ivuga ku bitera amakimbirane ya politiki, yagaragaje ko ari ukurwanira ubutegetsi (Power), kubura imyanya muri politiki, kugundira ubuyobozi kwa bamwe (political dominance), kuva ku butegetsi (Expiring leader), ubuyobozi bubi, igitugu n'ibindi.

Yasabye abanyapolitiki gukomeza kurangwa n' ubworoherane, gukora politiki hagamijwe inyungu rusange z' abanyagihugu no gukemura ibibazo byatera amakimbirane hakiri kare.

Ikiganiro cya 2 ku uburyo bwo gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki cyatanzwe na Madame NIRERE Madeleine, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa Muntu, cyagarutse ku uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane mu Mutwe wa Politiki; uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane hagati y'Imitwe ya Politiki; uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane hagati ya Leta n'abaturage; ingamba zashyizweho nyuma ya 1994 mu rwego rwo gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki n'Indangagaciro zikwiye gukomeza kubakirwaho mu gukumira amakimbirane ya Politiki mu Rwanda.

Ikiganiro cya 3 ku nshingano n'uruhare rwa komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu mitwe ya politiki cyatanzwe na Bwana Kangwagye Justus, Umuyobozi Mukuru muri RGB ushinzwe Imitwe ya Politiki n'imiryango ya sosiyete civile cyo kigaruka ku inshingano za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki; uruhare rwa Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya politiki mu mikorere n'imiyoborere myiza mu Mitwe ya Politiki; inshingano za Komisiyo y'Ihuriro Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; imikoranire ikwiye kuranga izi Komite n'izindi nzego ziyobora Umutwe wa politiki; Ingamba zafasha Umutwe wa politiki kwirinda amakimbirane cyane cyane mu bihe by'amatora no mu bihe byo gushyira abayoboke mu myanya ya politiki.

Abatanze ibiganiro, bose bifashishaga ingero zifatika zaba iza hano mu Rwanda, cyangwa izo hanze zafasha mu gutuma hafatwa ingamba zituma abanyapolitiki b'u Rwanda bakomeza gukora Politiki yubaka kandi basigasira ibyagezweho.

Abitabiriye amahugurwa, bashimye ibiganiro byatanzwe biyemeza gukomeza gukurikiza amategeko yose agenga Imitwe ya politiki kandi bakirinda kuba hejuru y'Inzego z'ubuyobozi mu Mitwe ya politiki bayobora; biyemeje kandi gukomeza gushishikariza abaturage n'abayoboke bayo by'umwihariko gushyira inyungu za rubanda imbere kurusha gushyira imbere inyungu zabo bwite; baniyemeje kujya bavugana, bajya inama kenshi hagati y'inzego z'ubuyobozi mu Mutwe wa politiki bagamije gukumira no gukemura amakimbirane ya Politiki ku gihe mu rwego rwo kwirinda ingaruka mbi zakomoka kuri ayo makimbirane.

Aderesi yacu ni : B.P.7459 Kigali /Rwanda; **E-mail:** info@forumfp.org.rw **Web site:** http://www.forumfp.org.rw